No 217Nov-Dec2018

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO YA SENA YA POLITIKI N'IMIYOBORERE MYIZA YAGIRANYE IBIGANIRO N'IHURIRO KU MIGENDEKERE Y'AMATORA Y'ABADEPITE YO MURI NZERI 2018

*Mu ruzinduko yakoreye mu Ihuriro, Komisiyo ya Sena ya Politiki n'Imiyoborere myiza yagiranye ikiganiro n'Ihuriro mu rwego rwo kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo mu matora y'Abadepite yabaye muri Nzeri 2018.*



Abasenateri basuye Ihuriro

Iri tsinda ryari rigizwe na Hon. KALIMBA Zephyrin, Hon. MUKASINE Marie Claire, Hon.Tito RUTAREMARA na Hon. KAZARWA Gertrude. Hon. KAZARWA Gertrude wari uyoboye iri tsinda, yabwiye abari muri ibi biganiro ko bifuza kumenya uko Ihuriro ryagize uruhare mu iyubahirizwa ry'amahame remezo mu matora y'Abadepite yabaye muri Nzeri uyu mwaka, cyane cyane ariko avuga ko bifuza kumenya intambwe yagiye iterwa mu kunoza ireme ry'amatora n'uburyo buriho bwo kurisigasira.



Umuvugizi (iburyo) n'Umuvugizi Wungirije (ibumoso)

Umuvugizi w'Ihuriro Hon. HABINEZA Frank wakiriye aba Basenateri, yabashimiye uruhare bagira mu kugenzura iyubahirizwa ry'ishyirwa mu bikorwa ry'Amahame Remezo, ababwira ko Ihuriro naryo nk'Urwego rushyirwaho n'Itegeko Nshinga, ryubahiriza ayo Mahame Remezo kandi rifasha, binyuze mu nshingano zaryo, Imitwe ya Politiki kuyubahiriza rikaba kandi mu gihe cy'amatora rigena uburyo bwo gukurikirana ibikorwa byo kwiyamamaza, imyiteguro y'amatora no gukurikirana amatora nyir'izina rigena indorerezi ziyakurikira mu Gihugu hose.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald atanga ikiganiro muri iyi nama, yagaragaje ko Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ari urubuga Imitwe ya Politiki ihuriramo ikaganira kuri politiki rusange y'Igihugu, ku bibazo biremereye Igihugu, rikajya inama ku nshingano n'uruhare rwaryo mu kubaka ubwunvikane n'ubumwe bw'Igihugu.
Umunyamabanga Nshingwabikorwa yabwiye kandi abagize iyi Komisiyo ko, Ihuriro ryubahiriza rikanafasha Imitwe ya Politiki irigize kwita no kubahiriza Amahame Remezo akubiye mu ingingo ya 10 y'Itegeko Nshinga ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

Ku bijyanye n'uruhare rwaryo mu migendekere y'amatora y'Abadepite yabaye muri Nzeri 2018, yababwiye ko Ihuriro rigira Uruhare mu bikorwa by'amatora, yaba amatora ya Politiki ndetse n'amatora y'Inzego z'ibanze ategurwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, haba mu myiteguro yayo, haba n'igihe cy'amatora nyirizina. Yavuze ko muri rusange, uretse ibikorwa byo gukurikirana amatora bikorwa n'indorerezi zaryo, Ihuriro rigira uruhare mu gutera inkunga ibikorwa by'amahugurwa mu Mitwe ya politiki bigamije gukangurira abayoboke kwitabira amatora; gutera inkunga Imitwe ya Politiki ku bijyanye no kunoza no kuvugurura porogaramu politiki zayo zizakoreshwa mu gihe cyo kwiyamamaza; kuganira na Komisiyo y'Iguhugu y'Amatora ku myiteguro n'ingengabihe y'amatora; no gukangurira Imitwe ya politiki kwita ku buringanire bw'ibitsina byombi mu gihe cyo gutegura urutonde rw'abakandida depite.
Muri aya matora y'Abadepite by'umwihariko yavuze ko Ihuriro ryohereje mu Turere twose tw'Igihugu Indorerezi 99, zituruka mu Mitwe ya Politiki irigize hiyongereyeho abakozi b'Ihuriro, gukurikirana ibikorwa by' amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite, yabaye kuva tariki ya 2 kugeza tariki ya 4 Nzeri 2018. Avuga ko izi ndorerezi zarimo abagabo 50 n'abagore 49, ihame rishingirwaho mu kugena indorerezi no gukora amatsinda yazo.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yagaragarije aba Basenateri ko n'ubwo amatora yagenze neza, indorerezi z'Ihuriro zisanga Komisiyo (NEC) ikwiye gukomeza kurushaho gushishikariza abaturage kwitabira igikorwa cyo kwikosoza ku ilisiti y'itora ku buryo byagabanya umubare w'abadatora no kuza gutora ku gihe kuko hari aho abaturage baje gutora nyuma y'isaha yo gusoza itora ntibemererwe gutora. Komisiyo ikwiye kurushaho kandi kujya yerekana uko urupapuro rw'itora rukoreshwa n'abafite ubumuga bwo kutabona, rukoreshwa mu gihe cyo gukora ubukangurambaga ku matora kugira ngo bizorohere abazarukoresha bagiye gutora, kuko byagaragaye ko hari abagenewe kurukoresha batabifiteho ubumenyi. Ikwiye kandi gukomeza gushishikariza abakandida kurushaho kugena ababahagararira mu byumba by'itora; no gusobanurira abakorerabushake akamaro k'indorerezi n'uburenganzira bwazo bwo kwinjira mu byumba by'itora hubahirizwa amategeko. Asoza yavuze ko Ihuriro, ryemeza ko amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite yabaye kuva tariki ya 2 kugeza tariki 4 Nzeri 2018 yateguwe neza, yitabiriwe n'abaturage benshi, bakaba baratoye mu mucyo, mu mutekano no mu bwisanzure. Ihuriro kandi ryemeza ko nta makimbirane yagaragaye muri aya matora. Ihuriro rishima ubufatanye bw'inzego zose zagize uruhare mu gihe cy'imyiteguro no mu gihe cy'amatora; rishima kandi ko Imitwe ya politiki yose yiyamamaje yatsinze amatora, byerekana icyizere Abanyarwanda bakomeje kugirira Imitwe ya politiki.



Senateri Tito RUTAREMARA atanga ibitekerezo

Abasenateri bagize iri tsinda bashimye ibisobanuro bahawe, bavuga ko ibi bibafasha mu kugenzura Ihame remezo ryo kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, akarere, n'ibindi no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda; Ihame remezo ryo gusangira ubutegetsi nta bwikanyize n'Ihame ryo kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, uburinganire bw'Abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo, bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo.
Umuvugizi w'Ihuriro yashimye abagize iyi Komisiyo ya Sena, uburyo bashyira mu bikorwa inshingano zayo zo kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo, n'uburyo yafashe uyu mwanya ngo igirane ibiganiro n'inzego zinyuranye kugira ngo bizayifashe gusesengura politiki, amategeko n'amabwiriza bigenga amatora, harimo na raporo z'indorerezi kugira ngo izagire ishusho rusange y'imigendekere y'aya matora y'abadepite hagamijwe kureba intambwe yagiye iterwa mu kunoza ireme ry'amatora mu Rwanda.

## IHURIRO RYATEGUYE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO K'URUHARE RWARYO MU KUBAKA UBWUMVIKANE N'UBUMWE BW'IGIHUGU



Bamwe mu batanze ibiganiro

Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere umuco w'ibiganiro bya politiki ku nsanganyamatsiko zijyanye no kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu hagamijwe imiyoborere myiza y'u Rwanda twifuza, tariki ya 19/12/2018, mu cyumba cy'inama cya Hoteli Lemigo, ku Kimihurura, ku bufatanye bw'Ishami y'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP) n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, habereye inama yahuje abahagarariye Imitwe ya Politiki, abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, intumwa zihagarariye Inzego zinyuranye za Leta, abafatanyabikorwa b'abanyamahanga, abashakashatsi muri za Kaminuza, imiryango itari iya Leta, abahagarariye urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki; n'abahagarariye ingaga z'abagore mu Mitwe ya Politiki, Iyi nama nyunguranabitekerezo yari igamije kuganira k'uruhare rw'Ihuriro mu kubaka demokarasi ishingiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Afungura iyi nama ku mugaragaro, Umuvugizi w'Ihuriro, Hon. HABINEZA Frank, yibukije ko Abanyarwanda twahisemo kugendera ku butegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye. Iyi demokarasi ikaba yubakiye ku biganiro n'ubwumvikane muri politiki. Yagaragaje kandi ko umuco wo gushaka umuti w'ibibazo binyuze mu biganiro n' ubwumvikane wahozeho mu mateka y'u Rwanda; Ihuriro rikaba riteza imbere ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu mu rwego rwa politiki.



Bwana AHMED BABA Fall

Mu ijambo rye, Bwana AHMED BABA Fall, Umuyobozi wa UNHCR mu Rwanda waje ahagarariye, Umuyobozi w'Amashami y'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda, yavuze ko UN ishimishwa n'ibyo u Rwanda rukora mu rwego rwo guteza imbere imiyoborere ishingiye kuri demokarasi. Akaba ari yo mpamvu, binyuze mu mushinga wa DDAG, hari inkunga itangwa mu Nzego zinyuranye zo mu Rwanda kugira ngo hategurwe ibikorwa biteza imbere demokarasi n'imiyoborere myiza.

Yagaragaje ko demokarasi, ishingira ku mateka ya buri gihugu, igashingira ku mibereho n'ubuzima bw'abenegihugu no ku cyerekezo abayobozi n'abayoborwa baba bafitiye igihugu cyabo.
Yanagarutse kuri amwe mu mahame y'ingenzi agagaragaza igihugu kigendera kuri demokarasi n'imiyoborere myiza, harimo uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa; inzego z'ubutegetsi zikora neza, kubahiriza uburenganzira bwa muntu, gusangira ubutegetsi, kurwanya ruswa n'akarengane, gutanga service nziza…. Akaba yaravuze ko aya mahame u Rwanda ruyakurikiza ku rugero rushimishije. Yashimye ko ibigerwaho mu Rwanda bishingiye ku cyerekezo cyiza cy'imiyoborere (visionary leadership) cya Nyakubahwa Perezida Paul KAGAME. Bwana Ahmed yavuze ko kuba Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda igira uburyo bw'imikorere butuma yicarana igatekereza ku buzima bwa politiki y'Igihugu, ari ikintu gikomeye u Rwanda rwagezeho mu rwego rwa politiki, kuko biteza imbere ubumwe bw'Igihugu.

Yashoje ashimira Ihuriro ryateguye iyi nama kandi ko ryatumiye inzego zinyuranye zo mu Gihugu n'abafatanyabikorwa b'ababanyamahanga. Abifuriza bose Noheli nziza n'umwaka mushya muhire wa 2019.

Abatanze ikiganiro cya mbere bagarutse ku ishingiro rya demokarasi yubakiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu, n'ibiyiranga mu Rwanda; ikiganiro cyatanzwe na Dr. NDUSHABANDI Eric na Lt. Col. NYIRIMANZI Gerard, kiyoborwa na Hon. Dr NYIRAMIRIMO Odette. Naho ikiganiro cya kabiri kibanda k'Uruhare rw'Ihuriro mu kubaka demokarasi ishingiye ku bwumvikane, ibyagezweho mu rwego rwa politiki, kubisigasira n'uburyo byaramba, cyatanzwe na Hon. Dr IYAMUREMYE Augustin na Hon. RUTAREMARA TITO kiyoborwa na Hon. GAKUBA Jeanne d'Arc.

Nyuma y'ibiganiro n'ibitekerezo byatanzwe, abari mu nama bashimye ko u Rwanda rwahisemo kugendera kuri demokarasi ishingiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu kuko yadufashije gukemura ibibazo bya politiki bikomeye, bashima kandi ko kuganira no gushyira hamwe muri politiki bifasha Igihugu gutera imbere.



## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YAGARAGARIJWE POLITIKI N'INGAMBA Z'IGIHUGU ZO GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE



Abagize Inama Rusange y'Ihuriro

*Kuri uyu wa kane, tariki ya 27 Ukuboza 2018, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro, Depite NYIRAGWANEZA Athanasie.*

Muri iyi nama hatanzwe ikiganiro kuri "Politiki n'ingamba z'Igihugu zo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane". Mu kiganiro cye, Umuvunyi Mukuru Bwana MUREKEZI Anastase; yerekanye ingaruka ruswa igira ku buzima bw'Igihugu harimo gutakariza ubuyobozi icyizere, gukumira ishoramari no gutakaza ubunyangamugayo bw'Igihugu ku rwego mpuzamahanga n'izindi. Yavuze ko ruswa ari icyaha kimunga ubukungu kikagira ingaruka zikomeye ku iterambere ry'Igihugu n'iry'abagituye.



Bwana Anastase MUREKEZI, Umuvunyi Mukuru

Umuvunyi Mukuru yavuze ko ruswa igaragarira mu gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke; gusaba, gusezeranya cyangwa gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina; gufata icyemezo gishingiye ku itonesha, ubucuti, urwango, ikimenyane cyangwa icyenewabo; gukoresha igitinyiro; kudasobanura inkomoko y'umutungo; kunyereza umutungo; gukoresha umutungo wa Leta icyo utagenewe; gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro; gusonera bitemewe n'amategeko; kwaka cyangwa kwakira amafaranga bidakwiye cyangwa arenze ateganyijwe; gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite; kwiha inyungu zinyuranyije n'amategeko n'ibindi bisa nabyo.

Yakomeje yerekana ingamba Leta y'u Rwanda yashyizeho hagamijwe gukumira no kurwanya icyaha cya ruswa zirimo kuvugurura amategeko ahana icyaha cya ruswa n'akarengane, n'ubufatanye bw'inzego mu gukumira no guhana ibyaha bya ruswa. Umuvunyi Mukuru yakomeje yerekana ingorane zikigaragara zirimo kutabona amakuru kuri ruswa, abahishira imitungo yabo, n'ubushakashatsi budahagije kuri ruswa, asaba ubufatanye n'inzego harimo n'Imitwe ya politiki.

Nyuma yo kubaza ibibazo binyuranye no gutanga ibitekerezo, Inama Rusange yashimye politiki n'ingamba byashyizweho mu gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane, isaba ko Imitwe ya politiki ikomeza kubigiramo uruhare rugaragara, haba ku nzego zose z'Imitegekere y'Igihugu ndetse no mu nzego z'abikorera; hakagaragazwa abaka n'abatanga ruswa. Ikindi, Imitwe ya politiki yiyemeje gukomeza gukorera mu mucyo yuzuza ibisabwa cyane ibirebana na raporo z'imicungire y'imari n'umutungo zishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi.



Hon. NKUSI Juvenal

Muri iyi nama y'Inama Rusange y'Ihuriro hasuzumwe kandi umushinga w'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro. Nyuma y'uko Perezida wa Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane Hon. NKUSI Juvenal asobanuye ibyashingiweho mu kuvugurura aya mategeko, ingingo zavuguruwe, izongewemo n'izavuyemo; Inama Rusange yarayemeje, imaze kuyakorera ubugororangingo.